







# USCIS Ihaye Ikaze Impunzi n’Abahawe Ubuhungiro

U.S. Citizenship and Immigration Services

M-1186-KIN (10/21)

# USCIS Ihaye Ikaze Impunzi n'Abahawe Ubuhungiro

U.S. Citizenship and Immigration Services

# USCIS Ihaye Ikaze Impunzi n'Abahawe Ubuhungiro

Serivisi ishinzwe abaturage na serivisi z'Abimukira muri Leta Zunze Ubumwe z'Amerika (USCIS), Ishami ry'umutekano w'imbere mu gihugu (DHS), riguhaye Ikaze muri Leta Zunze Ubumwe z'Amerika nk'impunzi cyangwa uwahawe ubuhungiro. Duha agaciro ubumenyi n'impano byawe, kandi turashaka kugufasha gutura no kubana n'abaturage bo mu gace utuyemo kandi ugahirwa n'ubuzima bwo muri Leta Zunze Ubumwe z'Amerika. Turashaka no kugusangiza amakuru ku buryo wabona ubwenegihugu bw'Amerika.

Aka gatabo karagufasha gusobanukirwa uburyo bwo kubaho muri leta zunze ubumwe z'Amerika; uburenganzira, inshingano, n'akamaro ko kuba umuturage w'Amerika. Kuba umuturage w'Amerika biguha uburenganzira bumwe n'ubw'Abanyamerika bose no kwisanga wowe ubwawe n'abaturage bagenzi bawe.

# Uburenganzira n'Inshingano

Nk'impunzi cyangwa uwahawe ubuhungiro, ufite uburenganzira bwinshi, nk'ubw'abandi baba hano. Bumwe muri ubwo burenganzira ni uburenganzira bwo kuvuga icyo utekereza, uburenganzira bwo kujya mu idini ushaka, n'uburenganzira bwo kwishyira hamwe.




Ufite n'inshingano kandi. Muri Leta Zunze Ubumwe z'Amerika, buri wese agomba kubahiriza amategeko. Ugomba gusobanukirwa amategeko yubahirizwa muri Amerika kuko ashobora kuba atandukanye n'amategeko y'ahandi hantu wabaye. Kwiga amateka y'Amerika, imikorere y'ubuyobozi, no kumenya umuco bizagufasha kwisanga hano.

**Ufite uburenganzira bwo:**

- Gutura aho ushatse hose muri Leta Zunze Ubumwe z'Amerika
- Gukora muri leta zunze ubumwe z'Amerika
- Gusohoka no kugaruka muri leta zunze ubumwe z'Amerika ku mpamvu zimwe na zimwe
- Kwiga mu ishuri rya leta kugeza ku myaka runaka, hakurikijwe amategeko ya leta
- Gusaba ikarita y'ubwiteganyirize bw'abakozi iguha uburenganzira busesuye bwo gukora nta rundi ruhushya usabye rw'ikigo runaka cya Leta

- Gusaba uruhushya rwo gutwara imodoka cyangwa ibindi byangombwa bigaragaza umwirondoro wawe muri leta ubarizwamo cyangwa agace utuyemo
- Gusaba kuba umuturage w'Amerika wemewe n'amategeko no gusaba ubwenegihugu bw'Amerika mu gihe wujuje ibisabwa
- Gusaba ko uwo mwashakanye cyangwa abana bawe batarashaka bahabwa ubuhungiro cyangwa bemererwa kuba impunzi kugira ngo bature muri Amerika
- Kumenyesha inzego za leta ibikorwa by'ubugizi bwa nabi cyangwa ihohoterwa wakorewe no guhabwa ubufasha

**Ufite inshingano kandi usabwa:**

- Gusaba uruhushya rwo kugaruka muri leta zunze ubumwe z'Amerika mbere yo gusohoka mu gihugu ugasaba urupapuro rw'inzira rw'impunzi, nubwo waba wararangije guhabwa ubuhungiro u
- Kubahiriza amategeko yose yo ku rwego rw'igihugu, ayo ku rwego rwa leta, n'ayo ku rwego rw'ibanze
- Kwishyura imisoro yo ku rwego rw'igihugu, iyo ku rwego rwa leta, n'iyo ku rwego rw'ibanze, niba bikureba
- Kwiyandikisha muri gahunda yo kujonjora Abajya mu ngabo z'igihugu niba uri igitsina gabo wujuje hagati y'imyaka 18 kugera kuri 26
- Kumenyesha USCIS aderesi nshya bitarenze iminsi 10 nyuma yo kwimuka
- Kohereza umwana wawe utaruzuza imyaka y'ubukure ku ishuri
- Gusaba uruhushya rwo gutura mu buryo

buhoraho kandi bwemewe n'amategeko niba uri impunzi ukaba umaze umwaka 1 uba muri Leta Zunze Ubumwe z'Amerika

## Gutuzwa muri Leta Zunze Ubumwe z'Amerika

Muri leta zunze ubumwe z'Amerika, buri rwego rw'ubuyobozi rugira uruhare rwihariye mu kugufasha gutura. Ushobora kwitabaza ibiro byo ku rwego rw'ibanze, ku rwego rwa leta, no ku rwego rwa guverinoma y'igihugu mu gihe uri mu gikorwa cyo gutuzwa.

Vugana n'umuhuzabikorwa wita ku mpunzi



muri leta utuyemo, umuhuzabikorwa wa leta wita ku buzima bw'impunzi, ikigo gishinzwe gutuza abimukira cyangwa umuryango ukorera mu baturage ku rwego rw'ibanze ukorana n'abimukira kugira ngo ugufashe kukurangira gahunda ya leta itanga ubufasha ukeneye. Gahunda nyinshi za leta zitanga ubufasha zashyizweho mu gihe gifite aho kirangirira; zitangira ku itariki wahereweho ubuhungiro cyangwa wemereweho guhabwa ubuhunzi.

Niba ukeneye gufashwa kwiga ururimi rw'Icyongereza, ushobora kwiyandikisha mu isomo ry'Icyongereza. Bariza ku kigo gishinzwe gutuza abimukira, ku isomero rusange, ku kigo gishinzwe serivisi z'imibereho myiza y'abaturage,

cyangwa ku rusengero; kugira ngo uhabwe amakuru yerekeranye n'amasomo y'Icyongereza, andi masomo ndetse n'izindi serivisi.

## Intambwe Zikurikira mu Nzira Yawe yo Kwimuka

Niba warinjiye muri Amerika nk'impunzi mu myaka 2 ishize cyangwa ukaba warahawe ubuhungiro mu myaka 2 ishize, ushobora gusaba ko bamwe mu bagize umuryango wawe bagusanga hano. Ushobora kubisabira abagize umuryango bakurikira:

- Uwo mwashakanye
- Umwana (utarashaka, uwari afite munsi y'imyaka 21 igihe wasabaga ubuhungiro cyangwa wemererwaga kuba impunzi)

Ugomba gutanga Ifishi ya I-730, yo gusabira uwo mufitanye isano kugusanga aho wahungiye, kuri USCIS mu myaka 2 umaze guhabwa ubuhungiro cyangwa kwemerwa nk'impunzi, cyangwa kugaragaza impamvu z'imibereho myiza yo kongererwa igihe cy'imyaka 2. Iyi fishi wayisanga kuri uscis.gov/i-730.

## Gutura byemewe n'amategeko bya burundu

Umuntu utuye mu gihugu byemewe n'amategeko bya burundu (ufite Green Card) ni umuntu wahawe uruhushya rwo kuba no gutura muri leta zunze ubumwe z'Amerika bya burundu. Umuntu ahabwa Ikarita yo gutura bya burunduo, nk'ikimenyetso kibimwemerera, muri rusange bita Green Card. Guhabwa Green Card kandi bishyira umuntu mu murongo wo kubasha gusaba

ubwenegihugu bwuzuye bw'Amerika (ibisobanuro birambuye kuri iyi ngingo urabisanga hasi).

- Impunzi **igomba** gusaba Ikarita yo gutura bya burundu nyuma y'umwaka 1 igeze muri leta zunze ubumwe z'Amerika. Impunzi igomba kuba imaze umwaka 1 muri leta zunze ubumwe z'Amerika ku munsi itanga ubusabe.
- Uwahawe ubuhungiro yari asanzwe aba mu gihugu **agomba** gusaba gutura ku buryo buhoraho nyuma y'umwaka umwe 1 bahawe ubuhungiro. Uwahawe ubuhungiro agomba kuba yujuje umwaka 1 ubaze kuva igihe yaherewe ubuhungiro muri leta zunze ubumwe z'Amerika ku munsi atanga ubusabe.

Gusaba kwemererwa kuba muri Amerika mu buryo bwemewe n'amategeko maze ugahabwa Ikarita yo kuhaba bya burundu, tanga ubusabe ku Ifishi ya I-485 yo gusaba kwandikwa nk'umuturage utuye ku buryo buhoraho cyangwa gukosoza urwego umuturage abarizwamo. Iyi fishi wayisanga kuri uscis.gov/i-485. Mu gihe uwemerewe ubuhungiro asanzwe aba mu gihugu iyo atanze ubusabe kw'ifishi ya I-485 hari amafaranga asabwa, nta mafaranga yakwa impunzi iyo zitanze ubusabe kw'ifishi ya I-485. Imiryango ikorera mu baturage, harimo ikigo gishinzwe gutuza abimukira cy'aho utuye, bashobora kugufasha muri iki gikorwa.

## Impunzi

Iyo uri impunzi, usabwa n'amategeko gutanga ubusabe bwo gutura ku buryo buhoraho kandi bwemewe n'amategeko nyuma y'umwaka 1 wemerewe kuba muri leta zunze ubumwe z'Amerika nk'impunzi.

**Ubusabe bwo gutura burundu bwemewe n'amategeko**

Ukoresha ifishi ya I-485 yo gusaba kwandikwa nk'Umuturage utuye ku buryo buhoraho cyangwa gukosoza urwego umuturage abarizwamo. Impunzi ntabwo zishyura amafaranga y'ubusabe butangwa ku Ifishi I-485 cyangwa serivisi zo kubika amakuru ajyanye n'umwirondoro.

Wemerewe gutanga ubusabe niba:

- Umaze byibuze umwaka 1 uba muri leta zunze ubumwe z'Amerika cyangwa ukaba waremerewe kuhaba nk'impunzi;
- Uri muri leta zunze ubumwe z'Amerika mu gihe utanga ubusabe bwawe ku Ifishi ya I-485;
- Wemerewe kwinjira muri leta zunze ubumwe z'Amerika nk'umwimukira; kandi
- Utarigeze wamburwa ubuhunzi.

Ku yandi makuru, sura urubuga rwa uscis.gov/i-485 na uscis.gov/greencard/refugees.

**Gusaba ubwenegihugu bw'Amerika**

Ushobora kwemererwa guhabwa ubwenegihugu mu gihe umaze imyaka runaka utuye mu buryo bwemewe n'amategeko kandi ukaba wujuje ibisabwa byose ngo wemererwe. Ku yandi makuru, sura urubuga rwa uscis.gov/citizenship.

## Uwahawe ubuhungiro

Iyo wahawe ubuhungiro, wemerewe gutanga ubusabe bwo gutura ku buryo buhoraho kandi bwemewe n'amategeko nyuma y'umwaka 1 wemerewe ubuhungiro niba icyo gihe cyose warakomeje gutura, ariko ntutegetswe kubisaba.

**Ubusabe bwo gutura burundu bwemewe n'amategeko**

Ukoresha ifishi ya I-485 yo gusaba kwandikwa nk'Umuturage utuye ku buryo buhoraho cyangwa gukosoza urwego umuturage abarizwamo, no kwishyura amafaranga yabugenewe y'ubusabe na serivisi zo kubika amakuru ajyanye n'umwirondoro.

Wemerewe gutanga ubusabe niba:

- Umaze byibuze umwaka 1 uba muri leta Zunze ubumwe z'Amerika cyangwa ukaba wemerewe ubuhungiro;
- Uri muri leta Zunze ubumwe z'Amerika mu gihe utanga ubusabe bwawe ku Ifishi ya I-485;
- Ukomeje kuzuza ibisabwa n'igisobanuro cyo kwitwa impunzi, uwashakanye cyangwa umwana w'impunzi;
- Udatujwe ku buryo buhamye mu gihugu cy'amahanga;
- Wemerewe kwinjira muri Leta zunze ubumwe z'Amerika nk'umwimukira; kandi
- Utarigeze wamburwa ubuhunzi.

Ku yandi makuru, sura urubuga rwa uscis.gov/i-485 na uscis.gov/greencard/asylees.

**Gusaba ubwenegihugu bw'Amerika**

Ushobora kwemererwa guhabwa ubwenegihugu mu gihe umaze imyaka runaka utuye mu buryo bwemewe n'amategeko kandi ukaba wujuje ibisabwa byose ngo wemererwe. Ku yandi makuru, sura urubuga rwa uscis.gov/citizenship.

## Ubwenegihugu

Ubwenegihugu ni icyita rusange Abanyamerika bose bahuriyeho. Turi igihugu kidahujwe n'ubwoko cyangwa idini ahubwo cy'abantu basangiye indangagaciro yo kwishyira ukizana, ubwigenge, n'uburinganire. Iyo umaze kubona ubwenegihugu bw'Amerika, ugira ijambo mu miyoborere y'igihugu cyacu.

Imyitwarire yawe nk'Umuturage utuye ku buryo buhoraho kandi bwemewe n'amategeko ishobora kugira ingaruka nyuma y'igihe ku bushobozi ugaragaza bwo kwemererwa kubona ubwenegihugu bw'Amerika. Igikorwa cyo guhinduka umunyamerika kitwa guhabwa ubwenegihugu. Ugomba kuba wujuje ibisabwa byose kugira ngo uhabwe ubwenegihugu bw'Amerika.



Muri rusange, nyuma y'imyaka runaka uri umuturage ku buryo buhoraho kandi bwemewe n'amategeko, ushobora gusaba ubwenegihugu. Impunzi n'abemerewe ubuhungiro basanzwe baba mu gihugu bashobora gusaba ubwenegihugu nyuma y'imyaka 5 uhereye ku itariki bemerewe kuba abaturage batuye ku buryo buhoraho kandi bwemewe n'amategeko. Abahawe ubuhungiro basanzwe baba mu gihugu bemererwa n'amategeko kuba mu gihugu ku

buryo buhoraho uhereye ku mwaka 1 mbere yo kwemezwa kw'Ifishi ya I-485 yabo. Iyo ifishi yabo ya I-485 imaze kwemezwa, impunzi zemererwa gutura mu buryo bwemewe n'amategeko hakurikijwe itariki bagereye muri leta zunze ubumwe z'Amerika.

Ushaka kumenya urutonde rw'ibisabwa byose kugira ngo wemererwe guhabwa ubwenegihugu, sura urubuga rwa uscis.gov/citizenship. Mu bisabwa harimo ibi bikurikira:

- Ugomba kuba uri muri Amerika mu gihe runaka.
- Ugomba kuba utuye muri leta zunze ubumwe z'Amerika ku buryo bukomeza.
- Ugomba kuba ufite imyitwarire myiza.
- Ugomba kuba ubasha kuvuga, gusoma, kwandika, no gusobanukirwa Icyongereza c  y'Ibanze kandi ukaba usobanukiwe amateka n'imiyoborere ya Leta zunze ubumwe z'Amerika (uburere mboneragihugu).
- Ugomba gushyigikira amahame n'ibitekerezo byanditse mu itegeko nshinga ry'Amerika kandi ukagaragaza ubushake bwo gukora indahiro yo kutazigera uhemukira leta zunze ubumwe z'Amerika.

Iyo usaba guhabwa ubundi bwenegihugu ukoresha Ifishi ya N-400, ubundi buryo kuri interineti ni kuri uscis.gov/n-400. Ushobora kandi kwishyura amafaranga y'Ifishi ya N-400 n'amakuru ajyanye n'umwirondoro kuri interineti. Hari amarengayobora n'impinduka ku bisabwa kugira ngo umuntu ahabwe ubwenegihugu ku bantu bujuje ibisabwa. USCIS itanga kandi serivisi zo gufasha abafite ubumuga kubona aho gutura. Ibigo

bitandukanye bikorera mu baturage, nk'ibigo bishinzwe gutuza abimukira, byagufasha kwitegura guhabwa ubwenegihugu.



Hari inyungu, uburenganzira, n'inshingano bizana n'ubwenegihugu bw'Amerika, harimo no kubasha gutora ku rwego rw'igihugu, kuba umwe mu bagize akanama nkemurampaka, gutembera ukoresheje urwandiko rw'inzira rw'Amerika, guhatanira imyanya y'akazi ku rwego rw'igihugu, no gutorerwa guhagararira abandi.

## Gushyikirana na USCIS

Sura urubuga rwa uscis.gov niba ukeneye amakuru arambuye, kugenzura aho dosiye yawe igeze, cyangwa kugira ngo utahure aho ibiro bya USCIS biherereye. Ushobora guhamagara umurongo utishyuzwa wa USCIS kuri nomero 800-375-5283. Ku bantu bafite ubumuga bwo kutumva, abafite ingorane zo kumva cyangwa abafite ubumuga bwo kutavuga neza, bifashisha TTY 800-767-1833. Iyi serivisi iboneka mu Cyongereza no mu Cyesipanyoro. Wasura kandi urubuga rwa uscis.gov/contactcenter, ishami rishinzwe kwakira abagana USCIS.

## Isoko y'Amakuru yerekeranye na USCIS wakwifashisha

**Serivisi ishinzwe abaturage na serivisi z'Abimukira muri Leta Zunze Ubumwe z'Amerika (USCIS)**

USCIS igenzura abinjira n'abasohoka muri Leta Zunze Ubumwe z'Amerika mu buryo bwemewe n'amategeko. Menya uburyo wasaba Green Card, gusaba ubwenegihugu bw'Amerika, kongera guhuzwa n'umuryango wawe, kubona uruhushya rwo kujya mu mahanga, n'ibindi.

Isoko y'amakuru yifashishwa n'impunzi n'abasaba ubuhungiro

uscis.gov/howdoi/refugeesasylees

**Ikaze muri Leta Zunze Ubumwe z'Amerika: Agatabo k'ifashayobora kagenewe umwikurira mushya**

Aka gatabo k'ifashayobora karimo amakuru y'ibanze wowe n'umuryango wawe mukeneye mu buzima bwa buri munsi muri Leta Zunze Ubumwe z'Amerika. Gasobanura uburenganzira n'inshingano zawe, kakaguha ibitekerezo kugira ngo ugire uruhare mu baturage b'agace utuyemo, kandi kakagutegura gusaba ubwenegihugu mu gihe uzaba umaze kuba umuturage wemerewe gutura ku buryo buhoraho.

uscis.gov/newimmigrants

**Gutura muri Amerika**

Iyi paji yo ku rubuga rwa interineti iguha amakuru yerekeye Leta Zunze Ubumwe z'Amerika, ayerekeranye n'uburezi no kubungabunga ubuzima bw'umwana, ayerekeye ubutabazi bw'ibanze n'umutekano, ayerekeranye no kujya hanze y'Amerika, ayerekeranye n'akazi, gutura muri Amerika, imfashanyo za guverinoma, ubuvuzi, n'ayerekeye ubukungu.

uscis.gov/tools/settling-us

## Isoko y'Amakuru yerekeranye na USCIS wakwifashisha

**Ikigo gitanga Amakuru yerekeranye no gusaba Ubwenegihugu**

Uru rubuga rutanga ibikoresho byifashishwa mu kwihugura ku bumenyi n'amakuru agufasha kwitegura kubona ubwenegihugu.

uscis.gov/citizenship

**Wirinde Abatekamutwe bo kuri Interineti**

Niba ukeneye inama mu bijyanye n'amategeko ku bibazo birebana n'abimukira, genzura neza niba umuntu ugufasha afite uburenganzira bwo gutanga inama zijyanye n'amategeko. Umwunganizi mu mategeko cyangwa umuntu wahawe inshingano yo gukorera umuryango wemewe na Minisiteri y'ubutabera ya Leta Zunze Ubumwe z'Amerika ni bo bonyine bashobora kuguha inama mu bijyanye n'amategeko.

uscis.gov/avoid-scams
uscis.gov/avoid-scams/find-legal-services

**Amafishi**

Koresha **Ifishi ya I-765** usaba uruhushya rwo gukora, kuvugurura uruhushya rwawe, cyangwa gusimbuza inyandiko yawe.

uscis.gov/i-765

Koresha **Ifishi ya I-730** usabe kuzana uwo mwashakanye n'abana muri Leta Zunze Ubumwe z'Amerika.

uscis.gov/i-730

Koresha **Ifishi ya I-131** usabe uruhushya rwo kugaruka muri Leta Zunze Ubumwe z'Amerika.

uscis.gov/i-131

Koresha **Ifishi ya I-485** usaba gutura byemewe n'amategeko niba uri muri Leta Zunze Ubumwe z'Amerika ndetse n'urupapuro rw'inzira rw'impunzi.

uscis.gov/i-485

## Isoko y’Amakuru yerekeranye na USCIS wakwifashisha

Koresha **Ifishi ya N-400** usaba ubwenegihugu bw’Amerika.

uscis.gov/n-400

Koresha **Ifishi ya AR-11** umenye neza ko aderesi yawe iri muri USCIS ijyanye n’igihe.

uscis.gov/ar-11

**myUSCIS**

Reba amakuru ajyanye n’igihe yerekeranye n’inzira binyuramo kugira ngo ubone ubufasha bugenerwa abimukira, ibikoresho bigufasha kwitegura guhabwa ubwenegihugu, n’amakuru agufasha gutahura amasomo ategura abasaba guhabwa ubwenegihugu n’abaganga bari mu gace utuyemo. Menya uburyo ushyikiriza inyandiko isaba cyangwa ubusabe kuri interineti n’uburyo wabona amakuru yerekeranye na dosiye yawe, wiyandikishe ufungure konti kuri interineti.

my.uscis.gov
myaccount.uscis.dhs.gov

# Indi Soko y’Amakuru ku Rwego rw’Igihugu

Imbonerahamwe ikurikira iraguha amakuru yerekeranye na serivisi za guverinoma zifasha impunzi n’abahawe ubuhungiro basanzwe batuye mu gihugu.

## Isoko y'Amakuru ku Rwego rw'Igihugu

**Ishami rya Leta Zunze Ubumwe Rishinzwe Ubuzima n'Imibereho Myiza y'Abaturage Urwego rushinzwe kwita ku Bana n'Imiryango**
**Ibiro Bishinzwe gutuza Impunzi (ORR)**

Niba uri impunzi cyangwa umuntu wahawe ubuhungiro asanzwe aba mu gihugu, cyangwa umuntu wo mu muryango ukomoka kuri abo bantu, ushobora kuba wujuje ibisabwa ngo uhabwe imfashanyo na serivisi zicishwa muri ORR. ORR iha inkunga y'amafaranga kandi ikayobora gahunda zinyuranye zerekeranye n'imfashanyo y'amafaranga n'iyo kwivuza, kwitegura gushaka akazi, kurangira akazi ugashaka, no guhugura mu rurimi rw'icyongereza. Inyinshi muri izi gahunda zigira igihe zirangirira cyateganyijwe gitangira guhera ku itariki waboneye ubuhungiro cyangwa winjiriye muri Leta Zunze Ubumwe nk'impunzi. ***Ushobora kubinyuramo byose ukareba niba wujuje ibisabwa kuri zimwe muri izi gahunda hakiri kare niba harimo igushishikaje.***

**Abahuzabikorwa ba Leta bita ku mpunzi/ abahuzabikorwa ba Leta bita ku buzima bw'impunzi**

acf.hhs.gov/orr/resource/orr-funded-programs-key-contacts

**Gahunda za Leta n'aho wakura'amakuru azerekeyeho**

acf.hhs.gov/orr/state-programs-annual-overview

**Isoko y'amakuru yerekeranye n'ubwishingizi bw'ubuzima**

acf.hhs.gov/orr/health

**Isoko y'amakuru yerekeranye n'amacumbi aciriritse**

acf.hhs.gov/orr/resource/finding-affordable-housing

**Isoko y'amakuru yerekeranye n'akazi**

acf.hhs.gov/orr/employment-resources

## Isoko y'Amakuru ku Rwego rw'Igihugu

**Minisiteri y'Ububanyi n'Amahanga ya Leta Zunze Ubumwe z'Amerika**
**Ibiro Bishinzwe Abaturage, Impunzi, n'Ibirebana n'abimukira**
**Gahunda yo kwakira no gutuza Abimukira**

Niba waremerewe kwakirwa nk'impunzi muri Leta Zunze Ubumwe z'Amerika, watewe inkunga n'ikigo gishinzwe gutuza abimukira kigira uruhare muri porogaramu ishinzwe kwakira no gushakira abimukira aho berekera, kiyoborwa na Minisiteri y'Ububanyi n'Amahanga ya Leta Zunze Ubumwe z'Amerika. Ikigo cyaguteye inkunga gifite inshingano yo kugushakira aho gutura bifashishije ibiro byabo bikorera mu nzego z'ibanze kandi bakaguha serivisi z'ingenzi nk'icumbi, ibikoresho byo mu nzu by'ingenzi, ibiribwa, imyambaro, kukuyobora no kugufasha kubona izindi serivisi zerekeranye n'imibereho myiza, iz'ubuvuzi, n'izirebana n'akazi mu minsi ya mbere 30 kugeza kuri 90 ugeze muri Leta Zunze Ubumwe z'Amerika. ***Igihe aribwo ugeze muri Leta Zunze Ubumwe z'Amerika bwa mbere nk'impunzi, ikigo gishinzwe gutuza impunzi ni ho hantu ha mbere ugomba gusaba ubufasha bwo gutura.***

state.gov/refugee-admissions/reception-and-placement

**Minisiteri y'Ububanyi n'Amahanga ya Leta Zunze Ubumwe z'Amerika**
**Ibiro Bishinzwe Abaturage, Impunzi, n'Ibirebana n'abimukira**
**Isoko y'Amakuru Ndangamuco (CORE)**

CORE iterwa inkunga y'amafaranga na Minisiteri y'Ububanyi n'Amahanga ya Leta Zunze Ubumwe, CORE ni isoko y'amakuru menshi yo **kwimenyereza umuco w'abandi** ku mpunzi zerekeza muri Amerika. Kuri uru rubuga usangaho inyandiko ziri mu zindi ndimi rw'icyarabu, Igifarisi, Ikinyarwanda, Igiswahili, n'Igisomali. CORE izagufasha kwimenyereza umuco w'abantu bo muri Leta Zunze Ubumwe z'Amerika. ***Menya byinshi kuri CORE nonaha***

***maze wige byinshi ku kazi, imiturire, ubuvuzi, icungamutungo, n'ibindi bigufasha gusobanukirwa ubuzima bwo muri Leta Zunze Ubumwe z'Amerika.***

corenav.org

**Ishami rya Leta Zunze Ubumwe z'Amerika Rishinzwe Umurimo (DOL)**

DOL iteza imbere, izamura mu ntera, inazamura imibereho myiza y'abakorera umushahara, abashaka akazi, n'abari mu kiruhuko cy'izabukuru muri Leta Zunze Ubumwe z'Amerika; iharanira guteza imbere amahirwe y'akazi kunguka; kandi ikanareba ko inyungu n'uburenganzira bituruka ku kazi byubahirizwa. ***Sura urubuga rwa careeronestop.org. Byagufasha kubona akazi n'amahugurwa mu gace utuyemo.***

**Aho wakura amakuru yerekeranye n'uburenganzira bw'abakozi**

dol.gov

**Ibigo Bifasha Abantu Gushaka Akazi muri Amerika (biterwa inkunga na DOL)**

careeronestop.org

877-US2-JOBS (877-889-5627 (TTY))

**Minisiteri y'Ubutabera ya Leta Zunze Ubumwe z'Amerika**
**Ishami Ryita ku Burenganzira bw'Abakozi n'Abimukira**

Ishami Rishinzwe Kurengera Uburenganzira bw'Abakozi n'Abimukira ryo muri Minisiteri y'Ubutabera ya Leta Zunze Ubumwe z'Amerika yubahiriza ingingo irwanya ivangura y'Itegeko Rigenga Ibirebana n'Abimukira n'Ubwenegihugu. Iri tegeko ribuza abakoresha gukora ivangura rishingiye ku bwenegihugu no ku gihugu umuntu yaje aturukamo mu gihe cyo gutanga akazi, kwirukana cyangwa kurangirwa serivisi wishyuye amafaranga. Rinabuza kandi imikoreshereze y'inyandiko itera ubwoba cyangwa irimo urwango.

## Isoko y'Amakuru ku Rwego rw'Igihugu

***Niba utekereza ko wahuye n'akarengane mu gihe ugerageza kubona akazi cyangwa ku kazi wamaze kubona kubera aho ukomoka, cyangwa kubera ko uri umuntu wahawe ubuhungiro cyangwa uri impunzi, Ishami Rishinzwe Kurengera Uburenganzira bw'Abakozi n'Abimukira rishobora kugufasha.***

Isoko y'amakuru arebana n'ivangura mu birebana n'akazi rishingiye ku kuba umuntu ari umwenegihugu cyangwa umwimukira

justice.gov/crt/immigrant-and-employee-rights-section

800-255-7688 (800-237-2515 (TTY))

**Urwego Rushinzwe Ubwiteganyirize bw'Abakozi**

Nomero y'isanduku y'ubwiteganyirize bw'Abakozi ni ngombwa kugira ngo umuntu abone akazi, afate imfashanyo yo mu Isanduku y'Ubwiteganyirize bw'Abakozi, kandi asabe guhabwa izindi serivisi za Leta. ***Ugomba kuba ufite nomero n'ikarita y'isanduku y'Ubwiteganyirize bw'Abakozi. Sura uru rubuga kugira ngo ubone amakuru agenewe impunzi n'abemerewe ubuhunzi by'umwihariko.***

ssa.gov/people/immigrants

800-772-1213 (800-325-0778 (TTY))

USCIS yaguze uburenganzira bwa ba nyir'ibihangano kugira ngo ibashe gukoresha menshi muri aya mashusho *USCIS Ihaye Ikaze Impunzi n'Abemerewe Ubuhungiro Bari Basanzwe Batuye mu Gihugu.* USCIS ifite uruhushya rwo gukoresha amashusho ku buryo budasesuye muri iyi nyandiko kandi ntiyemerewe kuba yayatanga. Ubundi burenganzira burebana n'aya mashusho, harimo aho uburenganzira bugarukira n'uburenganzira bw'umuhanzi ku gihangano cye, bufitwe na nyir'amashusho. Aya mashusho ntabwo ari umutungo rusange kandi nta kundi agomba kwerekanwa uretse muri ubu buryo agaragaramo nk'igice kigize iyi nyandiko.

U.S. Citizenship
and Immigration
Services
uscis.gov